Republic of Rwanda
Ministry of Education

RTB | RWANDA TVET BOARD

BUYOGA T S S
P.O.BOX:27 BYUMBA
E-MAIL:buyogatvetschool@gmail.com
Tel:+250788357209

NORTHERN PROVINCE
RULINDO DISTRICT

**BABYEYI Y'IGIHEMBWE CYAMBERE CY'UMWAKA W'AMASHURI 2025-2026 KU BANYESHURI BA L4 &5(BDC,FBO &PWO)**

Babyeyi dufatanyije kurera, tunejejwe no kubamenyesha ko umwana wanyu asabwa kuzaza ku ishuri igihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri 2025-2026 yitwaje ibi bikurikira:

## 1.Amafaranga

| Level | Amafaranga y'ishuri(shool fees) | Amafaranga y'ubwishingizi bw'impanuka ku ishuri | Amafaranga yo kunganira ikigo ku bikoresho by'isuku | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|
| L 4'5 | 85000F | 1500F | 3000F | 89500F |

Aya mafaranga yavuzwe haruguru yishurwa kuri konti y'UMWALIMU SACCO iri hasi. Mushobora no gukoresha telephone mukanda ***182*3*10*1*code za sdms z'umunyeshuri #** ukemeza ubundi ugakurikiza amabwiriza. Nta wemerewe gukoresha indi konti muzo twari dusanzwe dukoresha itari UMWALIMU SACCO kuko abarwa nkutishyuye.

| Izina rya banki | konti | Izina rya konti |
|---|---|---|
| UMWALIMU SACCO | 98005 | Buyoga TSS |

## 2.Ibindi

Umunyeshuri akaba agomba kuza yitwaje ikarita y'ubwisungane mu kwivuza MUSA/RAMA cyangwa se ikarita yindi ajya yivurizaho ndetse akaza aruko amaze kwishura amafaranga y'ishuri.

Fayilo imwe ibonerana uruhande rumwe yo kubikamo imikoro yose umunyeshuri akora mu gihe cy'umwaka,amakaye 10 manini ya paji 200 n'amakaye 10 ya paji 120,Lame y'impapuro yo gukoreraho imikoro itandukanye,rojisitire 1, mathematical set na calcurator.

**Ibikoresho by'isuku**: indobo amasabune abiri maremare,isume,impapuro 5 z'isuku, umuti w'amenyo nibura ugura 1000F, uburoso bw'amenyo n'amavuta yo kwisiga yamara igihembwe.

Umunyeshuri aza kwiga yitwaje ibiryamirwa bigizwe na matora, amashuka pair 2,icyo kwiyorosa (couvre-lit), n'inzitiramibu.

Umunyeshuri asabwa kuza ku ishuri yitwaje amafaranga 1500F yo kwiyogoshesha mu gihembwe.

Abanyeshuri bo mu mwaka wanyuma (LEVEL 5) barasabwa kuzaza bitwaje indangamuntu itarimo ikosa na rimwe.

**Ibikoresho byo ku meza**: isahane,ikanya n'igikombe bya aluminiyumu ndetse na gulude yo kunywesha amazi.

## 3. Imyambaro:

**Imyenda y'ishuri**: Nta munyeshuri wemerewe kongera kugura impuzankano isanzwe y'ikigo kuko yahindutse, umunyeshuri yitwaza amafaranga 12000Frw yo kugura ishati,ipantaro cyangwa ijipo ndetse na 7500 Frw yo kugura umupira wo kwifubika. Indi myenda yo kwambara mu bijyanye n' ibikorwa by'ishuri igurirwa ku kigo.

Umunyeshuri aza gutangira igihembwe cya mbere, yitwaje impuzankano (uniformes) y'ishuri,imyenda ya siporo ifite ibara ry'umukara,inkweto z'umukara gusa nta yindi myambaro yemewe ku ishuri

## 4.Uburyo bwo kubika ibikoresho:

Umunyeshuri abika ibikoresho bye akoresheje igikapu cyangwa ivarisi ifungwa, nta munyeshuri wemerewe kuzana isanduku ikozwe mu mabati ( male) nkuko byemejwe mu nama rusange y'ababyeyi.

**Bikorewe i buyoga kuwa 27 Kamenana, 2025** for

**UWINEZA Richard, umuyobozi wa BUYOGA TSS**